Repubulika y'u Rwanda
**Ibiro by'Umuvugizi wa Guverinoma**

# INDEGE Y'INTAMBARA YA DRC YONGEYE KUVOGERA IKIRERE CY'URWANDA

Kigali, ku wa 28 Ukuboza 2022

Uyu munsi ahagana saa sita z'amanywa, indege y'intambara yo mu bwoko bwa Sukhoi-25 yaturutse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) ivogera ikirere cy'u Rwanda hejuru y'ikiyaga cya Kivu mu Ntara y'Iburengerazuba, ihita isubira muri DRC.

Abayobozi b'u Rwanda bongeye kwihanangiriza guverinoma ya DRC ku bwo kuvogera ikirere cy'u Rwanda hakoreshejwe indege z'intambara z'icyo gihugu.

Ibi byabaye uyu munsi ni ubushotoranyi bumaze igihe, harimo no kuvogera ikirere cy'u Rwanda byabaye ku wa 7 Ugushyingo 2022, ubwo indege y'intambara ya DRC yo mu bwoko bumwe n'iyavogereye uyu munsi, yahagaze ku kibuga cy'indege cya Rubavu akanya gato, ikgahita isubira muri DRC.

Gukomeza gukora ubu bushotoranyi bibangamiye amasezerano y'amahoro ya Luanda na Nairobi.

Abayobozi ba DRC basa nk'aho batizwa umurindi na bamwe mu bagize umuryango mpuzamahanga bakunze gushinja u Rwanda ibibi byose bibera muri DRC, bakirengagiza amakosa yose akorwa na DRC.

Ubu bushotoranyi bugomba guhagarara.